

Ihame ryo kwiyobora mu Gukumira



“Ufashe ururimi rwe aba arinze ubugingo bwe, ariko ubumbura akanwa ke azarimbuka.” imigani 13:3

Byandistwe na rwiyezamirimo,
John E. Schrock

Ca akarongo ku ijambo rikuru wabonye muri iri hame.

Nubwo ururimi ari urugingo ruto ku mubiri wacu, ariko rero ruteza ibibazo byinshi kandi rukaba rukomeye kuyobora. Dushobora kurukoresha gutukana, kunenga, gusebanya ndetse no gusenya, cyangwa no gusabira umugisha, ituze bisana bagenzi bacu.

Ni ingezi rero kumenya ko ibyo tuvuze byose bizatugaruka. Ibintu ni gatebe gatoki, kubera ko amagambo agire ubukana kandi ashobora kwica cyangwa agakiza.

Akenshi abantu ishusho batuziho ikomoka ku magambo tuvuga, “Kuko ibyuzuye ku mutima nibyo akanwa kavuga” (Luka 6:45). Akanwa rero gatungwa urutoki ku itegeko rivuga kubiba no gusarura kurusha urundi rugingo rubarizwa ku mubiri wacu. Imigani 21:23 haravuga ngo, “Utabumbuye akanwa ke akarinda ururimi rwe, niwe urinda ubugingo bwe akaga.” iyo ni inama nziza, kuko nitudaceceka cyangwa ngo tuwuyobore, izongera ibibazo byacu. Iyo twavuze byinshi turitamaza, maze abantu bagaheraho batwita abagira ivuzivuzi. Ni uko natwe tuki hagararaho, ahubwo ikibazo cyikiyongera. Iyo tubeshye, maze tugatangira kwiregura, ibi bikurura intonganya zidashira.

Biba byiza rwose kugira ubushuti no gusabana, ariko kandi tugomba no gutoza ururimi rwacu mu gihe hajemo gushyenga, gu-

kabya, cyangwa kuganira kuri bagenzi bacu. Ntabwo ari buri kimwe kiba mu ntekerezo zacu cyakagombye kujya hanze.

Ese ni kangahe twishyize mu bibazo kubera kuvuga ibitari ngombwa? Ivuzivuzi ndetse no gukwirakwiza ibihuha bisenya maze abantu mu miryango n’ishuti bagatana. Iyo icyabiteye cyagaragaye, usanga abasigara mu kaga ari babandi batajya barinda ururimi rwabo. Nk’umucuruzi rero, ni by’ingenzi ko amagambo yacu agaragaza aho duhagaze, bitari gusa aho ururimi rwacu rwerekeje.

1. Umugabo w’umunyabwenge—amenya akamaro ko kubika ibanga.
2. Umugabo w’inyangamugayo—ntajya yemera ko amagambo ye avangira imyemerere ye.
3. Umugabo w’umhanga—abasha guca bugufi “kubyo atazi,” kandi ntabumbure umunwa we kugira ngo atitamaza.

Aha twabihuza n’umugani uvugako, “Ni byiza ko bakwita umuswa kubera guceceka, aho kubumbura umunwa ukavuga ibidahwitse.”

Niba twifuzaga ubuzima bwiza, tugomba kwitonda maze tukicira inzira. Kwiyobora bivugako kuyobora ururimi rwacu. Tugomba gukoresha ururimi rwacu tuvugako amagambo meza. Ni nko kubiba imbuto nziza zizabyara ejo heza, bitari kuri twe gusa ahubwo ndetse no ku bandi. Imana yumva imbaraga z’amagambo. Yaremye isi ikoresheje amagambo. Imana rero yaduhaye imbaraga n’ubushobozi bwo kurema icyiza cyangwa ikibi ku mbaraga z’amagambo. Itondere rero ururimi rwawe, kuki ejo hawe hazagenwa narwo.

Iri hame rigufasha mu kubaka kamere yawe mu gihe cy’umwaka umwe: Umusingi ku byagezweho

Ibabazo byo kwibazaho:

Byaba ari igisebo gikomereye kugira amafuti akonona byose.

Isuzume Kuva kuri 1 kugera 10	1	2	3	4	5	6	7	8	9	10
Kuki wihaye aya manota										
Nizihe nyungu azabona mu gihe uzamuye amanota yawe?										
Ese ni kihe gikorwa wakwitoza mu ku gerageza inyungu ziri hame?										
Ingengabihe kw’ ihame usoma buri muni	M	K	G	K	G	G	C			

Completed

Not completed